UMUTIMA W'UBUNTU

Iyo ufasha abandi nawe uba wifashije

IHAME RY' ICYUMWERU

Ubupfura bivuga kugira umutima utanga, ugira impuhwe, witanga kandi udakunda kwikubira. Ni roho cyangwa se icyiyumviro kiboneka muri kamere y' umuntu. Bimenyerewe ko tugira umutima utanga cyangwa tugundira. Ubupfura bisobanura gutanga no kubabarira; nu gufata abandi uko wakwifuza ko nabo bagufata, muri make ni ugokorana akarusho. Abagira ubupfura bafite umuco mwiza wo gutanga bitari amafaranga gusa- ahubwo ni gihe, impano zabo ndetse nabo ubwabo baritanga. Bahora bashishikajwe no gushaka uburyo bafasha abandi aho byashoboka. Akenshi basanga abafite intege nke hamwe na babuze amahirwe , kuko ijisho ryabo rireba ejo hazaza hawe kurusha uko rireba icyo uri cyo uyu munsi.

Umwihariko igihugu cya kanada kirusha ibindi bihugu byo kw' isi ni uko igice kinini cya baturage baho bateyimbere. Igihugu icyo ari cyose gifite igice kinini cya baturage bakennye ni shusho yerekana ko kitatoje abanyigihugu umuco mwiza w' ubupfura nk' izingiro ry' amajyambere. Iyo hari ubupfura hagati muri twe bibera umugisha abakene. Muri make ubupfura ni mbuto ya majyambere.

Nitugaburira bakene, umubare wabo uzarushaho kwiyongera , nuko amaherezo tuzisanga ntacyo twizigamye byose mwi zina ryo gutabara. Mu buzima haba ihame rivuga ngo "iyo ikintu cyose kigaburiwe kirakura." Ubuyobozi bwa hano iwacu bwashyizeho gahunda yo kwigisha no gutoza bugamije guhindura imyumvire yuko dufata ubuzima, hagamijwe gutanga ibyiringiro kugira ngo abantu bashobore kwiranaho ejo hazaza.

Iyo dufashije abakene kwiteza imbere byongera umubare wabishoboye. Bityo bihanga imirimo kandi bashobore kwihahira. Ikindi nuko abaguzi kwi soko bariyongera kandi iyo bishizwemo imbaraga biteze imbere igihugu cyose muri rusange, bityo bigahaza ibyo dukeneye. Nubwo abakene badashobora kubura ariko ntibivuze ko bafatwa nki umutwaro uziritse igihugu.

INYUNGU

1. Iyo dufite umutima utanga, tuba twihesheje umugisha. Naho kwitanga bikaba akarusho. Ntabwo twavukiye kwihugiraho gusa. Ubupfura buhera ku buryo tureba abandi ndetse duha agaciro ubushobozi bafite.
2. Amizero y'umuryango ni imbuto y' ubuntu. Ni byi ngenzi rero ko twakubaka abanyagihugu bafite umutima urangwa ni ubupfura. Tugomba kugira imyumvire mishya y' uburyo dufata abakene, ntitubabone nka bantu batega ibiganza ahubwo tubabone nka bantu batanga umusaruro. Ntitugomba gufata ubukene nk' umurage.
3. Mu gihe dusobanukiwe ijambo ubupfura,ntitugomba gutanga ifi gusa ahubwo tugomba kubigisha no kuyiroba. Umuntu urangwa n' ubupfura areba kure kandi aharanira cyane ejo hazaza kuruta none.

INTAMBWE ZIKURIKIZWA

1. Reba ubushobozi abandi bantu bafite. Menya neza icyo bashoboye gukora. Wibande kandi ku byiza bibaranga.
2. Itoze kumenya ibibabaje abantu. Ubategа

Inzira ni mikorere yo
UMUTIMA W'UBUNTU

amatwi hamwe no kubarema agatima ko ejo hazaza habo hazaba heza.

3. Ujye witanga mu gutanga ubumenyi ndetse ni bitekerezo. Hera mu muryango ubarizwamo. Ganira ni nshuti, abakozi mukorana, hamwe ni abafatanyabikorwa. Kandi ugerageze kuboneka.
4. Itange mu bikorwa ushoboye haba igihe cyangwa akazi usobanukiwe. Buri muryango ugira ibibazo bitandukanye. Wikumva yuko ubukene bureba inzego zikomeye gusa, ahubwo iyemeze gutanga umusanzu wawe ku bibazo.

Benshi bazi ubuntu/ umutima utanga, bivuga gutanga amafaranga cyangwa ibindi byacu tudagikoresha. Nyamara ubupfura nyabwo ni ukugira umutima. Ni shingiro rya kamere yacu. Bitanga ishusho yi mpamvu dutanga kuko tuzi abo turi bo, si ugufasha gusa kuko bikenewe. Ahubwo ni ugutanga icyerekezo ni ibyiringiro. Ubupfura ni ugufasha abantu kwigirira icyizere kugira ngo baneshe ibibagoye.

Abantu barangwa ni ubupfura bahora bibaza igishobora kuba, baramutse bashoye imbaraga zabo ku muntu cyangwa ibitekerezo afite. Mu gihe turangajwe imbere ni nyungu za mafaranga maze tukibagirwa agaciro ka bagenzi bacu. Ahari dushatse twakwisuzuma tukareba ko niba twaratakaje agaciro k' ijambo ubupfura, bitari umuntu ku giti cye ahubwo nk' igihugu muri rusange. Ihame ku bupfura ni ugtanga igihe cyacu, impano hamwe no gusangira na bandi ku mutungo dufite.

Iyo umuntu akunda kwikubira, nta mbuto aba abibye mu gihe cy' ejo hazaza. Agumana imbuto cyangwa umugisha aho kuwutanga, bityo ugasanga nta migisha basarura.

IBAZE KANDI USUBIZE

1. Ese ni ayahe mahirwe wagize yo kwigisha umuntu kuroba ifi?
2. Ese wigeze urangwa ni ubuntu / umutima utanga haba ku gihekazi

Ibuka....Intekerezo zibyara ibikorwa, Ibikorwa bibyara ingeso, Ingeso zirema kamere, yacu Nuko kamere igena ejo hacu hazaza!

Isuzume Kuva kuri 1 kugera 10	1	2	3	4	5	6	7	8	9	10
Kuki wihaye aya manota?										
Nizihe nyungu azabona mu gihe uzamuye amanota yawe?										
Ese ni kihe gikorwa wakwitoza mu ku gerageza inyungu ziri hame??										
Ingengabihe kw' ihame usoma buri munsi	M	T	W	T	F	S	S			